# 393: Yesu, tugushimir' abera bawe

1.

Yesu, tugushimir' abera bawe, Baguhimbarishaga kukwizera, None bari mu buruhukiro : Mwami wacu Yesu, tugushime cyane !

2.

War' igihome cyabo n'urutare, War' umugaba wabo ku rugamba, N'izuba ryabo ryo mu mwijima. Mwami wacu Yesu, tugushime cyane !

3.

Nkuko bagirag' ubutwari bwinshi, Kurwana kwacu natwe kube kwiza. TuzahSnwe na b' ingororano; Mwami wacu Yesu, tugushime cyane!

4.

Gufatanya na bo kwacu ni kwiza; Bafit' ubwiza : twe tugir' inenge; Dusangira na bo Databuja. Mwami wacu Yesu, tugushime cyane !

5.

Iyo tugiye gucogozwa rwose N'intambar' idasiba, ni bwo twumva Impundu zabo, tugakomera. Mwami wacu Yesu, tugushime cyane !

6.

Dor' ubugingo bwacu ni nk'umunsi ; Bugiye kwira, maze turuhuke; Tuzabon' amahoro mw ijuru. Mwami wacu Yesu, tugushime cyane !

7.

Bukeye hazaz' undi munsi mwiza, Bazazuka bafit' ubwiza bwawe; Umwami Yes' azazana na bo, Mwami wacu Yesu, tugushime cyane !

8.

Kand' azakir' intore ze zo mw isi Ku mpera y'isi hos' aziteranye, Zijye mw ijuru zimusingiza.Mwami wacu Yesu, tugushime cyane !

Visit us at indirimbo.com